Icyiza ni ukurangwa n'imico myiza, naho ikibi ni cya kindi ukoze kikakubuza amahoro mu mutima wawe, kandi ukanga ko abantu bakimenya

Hadith yaturutse kwa A-Nawas Ibun Sim'an Al Ans'wariy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Nabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ku byerekeranye n'icyiza ndetse n'ikibi, iransubiza iti: "Icyiza ni ukurangwa n'imico myiza, naho ikibi ni cya kindi ukoze kikakubuza amahoro mu mutima wawe, kandi ukanga ko abantu bakimenya."

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabajijwe ku byerekeranye n'igisobanuro cy'icyiza n'ikibi, nuko iravuga iti: Icyiza kiruta ibindi ni ukurangwa n'imico myiza hamwe na Allah umutinya, kandi iyo urangwa nayo bituma wihanganira icyakubangamira cyose, kandi ukarakara gacye, kandi ukamwenyura mu buranga, ukarangwa n'imvugo nziza, ukabanira neza abandi, ukabubaha, ukaborohera, kandi ukabakorera neza, mu ngeso nziza. Naho ikibi ni icyo ari cyo cyose kikubujije amahoro muri wowe cyaba mu biteye urujijo no gushidikanya muri wowe wumva udatuje, ukagira gushidikanya kwinshi ndetse ugatinya ko ari icyaha, ndetse ukaba udashaka ko kimenyekana kubera ko ari kibi mu maso y'abantu. Kubera ko umutima wa muntu muri kamere yawo ukunda ko icyiza ukoze abantu bakimenya, iyo wanze rero ko hari ibyo abantu batamenya, icyo gihe biba ari bibi nta cyiza kibirimo.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/4308